# 5: Duhimbaz’Uwitek’Imana

1. Duhimbaz’Uwitek’Imana no kuyisenga. Kukw ari yo yaremy’ibyo mu isi n’iby’ijuru Yesu mwami wez’imitima yacu Ngo turirimbir’Imana.

2. Duhimbaz’Uwitek’Imana no kuyisenga kukw’ijy’itegeka neza mu bihugu izaduh’ibidukwiye byose, byose twizer’iri jambo ryayo.

3. Duhimbaz’uwitek’Imana no kuyisenga yaraturemye; ni yo yaduhay’ubugingo; iturinda mu byago byacu byose; ni y’itugirir’ubuntu.

4. Duhimbaz’uwitek’Imana no kuyisenga.Ibihumeka byose bishim’izina ryayo;Tuyikunde kukw ar’umucyo wacu;Tuyisab’iminsi yose.

Visit us at indirimbo.com